

MINITRASU

- Report -

1985

16P



## A F F A I R E S   S O C I A L E S

---

Iri shami rya Minisiteri y'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage (MINITRASO) rifite inshingano yo kwita ku mibereho myiza y'abaturarwanda rusange. Mu baturarwanda rero habamo abaturage rusange hakabamo n'impunzi z'abanyamahanga zahungiyeye mu gihugu cyacu. Affaires Sociales ifite inshingano yo kwita ku batishoboye ikanateganyiriza imibereho myiza y'abaturage iteganya ibisubizo by'ibibazo byavuka bikadindiza imibereho yabo.

Nyuma y'intambara n'ubwicanyi bukabije byabaye mu gihugu cyacu, imibare y'abatishoboye yariyongereye cyane kimwe n'ibibazo by'abaturage. Impunzi z'abanyamahanga cyane cyane iz'abarundi zari zigeze ku BIHUMBI MAGANA ABIRI NA MIRONGO IRINDWI, zaratatanye zivanga mu bwicanyi n'ibibazo byari mu gihugu icyo gihe. Nyuma yaho rero bamwe basubiye mu gihugu cyabo abandi kugeza ubu bari mu maperefe-gitura atandukanye.

Kugirango rero Affaires Sociales yite ku mibereho y'abaturage n'impunzi zahungiyeye mu gihugu cyacu bizasaba ko hakorwa iperereza ku bibazo bireba imibereho y'abaturage, abatishoboye n'impunzi. Ibikorwa n'imishinga byo guteza abaturage n'abatishoboye imbere bigashingwa bigakurikiranwa, bigaterwa inkunga mu mafaranga no mu bumenyi n'ibindi. Ibi bizaba ubufatanye n'imiryango itagengwa na Leta, n'imiryango mpuzamahanga, abanyamadini n'abanyarwanda ubwabo. Abanyarwanda n'abanyamahanga bahagurukiye ibikorwa by'ubutabazi nabo bagomba guterwa inkunga bakagabanyirizwa inzitizi izo arizo zose: nk'amahoro n'andi mategeko abangamira abafasha. Amafaranga yo Leta izateganyiriza ubutabazi agomba gucungwa neza, ibikorwa agenewe bikagerwaho n'akamaro kabyo kagasuzumwa. Affaires Sociales rero muri rusange igomba guteganya ibikorwa by'ubutabazi ikangenzura ingaruka zabyo inyuze mu mashami yayo uko ari aho, kandi ikorana n'inzego z'ubutegetsi bw'igihugu ndetse n'abaturage ubwabo.

### I. DIVISION ASSISTANCE SOCIALE

Ubushobozi bw'abaturage rusange bwaragabanutse bikabije nyuma y'ubwicanyi bwabaye mu Rwanda, ugereraniye ibice birenze mirongo inani ku ijana by'abaturage mu Rwanda bakeneye inkunga itandukanye. Ibyo aribyo byose harimo abarengeje abandi, harimo imfubyi n'abana batandukanye n'ababo bakabakaba IBIHUMBI MAGANA ABIRI, abapfakazi, ibimuga, abasaza, abana b'inzererezi, indaya n'abandi...  
utafu



Mu bikerwa by'ubufasha iri shami ry'affaire sociale rinashinzwe gukuri-  
kirana ibikerwa byo mu magereza no mu mavuriro no mu bigo ngororamuco.  
Kugirango abatishoboye bafashwe, hakenewe gukora anketi ibibazo bikagaragara  
ibisubize byihutirwa bigatangwa ingamba n'imishinga y'ubufasha y'igihe kirekire  
ikagenwa, amafaranga agashakishwa n'akamaro k'ibikerwa kagasuzumwa.

#### IMFUBYI N'ABANA BATANDUKANYE N'ABABO

Imfubyi n'abana batagira kivurira baragereranywa kuba bakabakaba  
IBIHUMBI MAGANA ATATU (300.000). Muri bo IBIHUMBI BIGERA KURI CUMI NA IBITANU  
bacumbikiwe mu bigo bigera kuri 58. Abandi bari mu makambi y'impunzi hanze,  
n'imbere y'igihugu, abandi bahindutse inzererezi abandi bari mu miryango y'abava-  
ndimwe inshuti n'abagiraneza nabo akenshi batishoboye. Hari n'imfubyi akuru zitajya  
mu bigo zitagira naho kuba na hamwe.

Akazi ko gufasha aba bana MINITRASO izagafatanya na za Minisiteri hafi  
ya zose n'imiryango mpuzamahanga, N.G.OS n'abanyarwanda ubwabo, mu buryo bwo kuzu-  
zanya.

#### ABANA BATAGIRA KIVURIRA

Bamwe muri aba bana bari mu bigo by'imfubyi abandi bari mu mago y'ababa-  
kiriye, abandi babaye inzererezi. Aho bari hose abo bana bagomba kumenyekana baka-  
nafashwa.

#### IMIGAMBI

1. Kubarura abana bose batagira kivurira n'imiryango yiyemeje kubakira.
2. Guhuza abana n'ababyeyi n'imiryango yabo.
3. Guha abana batagira kivurira imiryango ibashaka.
4. Gukemura ibibazo by'ubuzima by'abana batagira kivurira: - survival  
- éducation  
- intégration into soc.
5. Gushinga amashyirahamwe y'abarezi
6. Gukorana na za Minisiteri zishinzwe akazi gatandukanye mu gukemura ibibazo  
by'abana.

#### INGAMBA:

##### 1. KUBARURA ABANA BATAGIRA KIVURIRA N'IMIRYANGO YIYEMEJE KUBAKIRA

Iryo barura rifite imigambi ibiri y'ingenzi:

- Kumenya umubare w'abana batagira kivurira (abamugaye n'abataraga)no
- Kumenya binonosoye imiterere n'amikoro y'imiryango yakira abana.



Iryo barura rizakorwa hifashishijwe ifishi y'iperereza izashyikirizwa ubutegetsu bwa Komini, Segiteri, na Selire kuko aribo begereye abaturage.

Nyuma y'iryo barura hazakurikiraho gushakisha no gutanga imfashanyo y'ibiribwa n'ibikoresho mu miryango yakiriye abana kugira ngo ishobore kubarera. Abana bagejeje igihe cyo kujya mu mashuri n'abo bazashyirwamo.

## 2. GUHUZA ABANA N'ABABYEYI N'IMIRYANGO YABO

Aka kazi karatangiye cyane cyane kagakorwa n'imiryango mpuzamahanga na N.G.OS. Nyuma y'ibabarura ni ngombwako abana bese batagira kivurira bazamenyekana amazina aho bari hose ari mu bigo, mu mago, mu mavuriro, mu mihanda no mu nkambi z'impunzi kugira ngo MINITRASO ifatanye kandi inacunge akazi ko guhuza abana n'imiryango igakora nka CICR, SCF. MINITRASO izagira uruhare mu gukangurira abayobozi b'abaturage gufatanya nayo n'iyi miryango kugirango abana babaho bahuzwe mu buryo bubonye. Aba bakurikira bazakangurwa kugira ngo bajye bafatanyaga na Ministeri, n'Imiryango ishinzwe guhuza abo bantu kuko aba aribo banazi neza imiryango; - ba Konye, abarimu, abayobozi babategarugori, urubyiruko, abanyamadini n'abandi - Aba bazigishwa inyigisho za ngombwa mu guhuza imiryango-identification, documentation, searching (tracing) reunification and re-unification).

## 3. GUHA ABANA BATAGIRA KIVURIRA IMIRYANGO IBASHAKA

Ni ngombwa gukangurira abanyarwanda bese kumva ko bafite uruhare rwo kurerera urwababyaye. Ingo zigomba gukangurirwa kwakira abana b'imfubyi aho gukurira mu bigo nta rukundo n'umuco uranga uburere bwiza.

Iryo kangura rizakorwa mu biganirizo bizahita kuri Radiyo, ma kiriziya, mu myidagaduro n'imikino igamije gukangurira abanyarwanda kwakira abana batagira kivurira. Mbere na mbere hazakenerwa kumenya

- binonosoye ingo zifuza kwakira abana;
- muri izo ngo zifuza kwakira abana ni ngombwa kumenya ubushobozi n'uburyo zifite kugira ngo babaho uburere bukwiye;
- aho bishobotse kugirango abana bava indimwe barerere mu rugo rumwe cyangwa mu karere kamwe;
- ibizakenerwa ni ukubatera inkunga.

## 4. GUKEMURA IBIBAZO BY'UBUZIMA BY'ABANA BATAGIRA KIVURIRA

Aba bana bari ukubiri, abari mu mago n'abari mu bigo by'imfubyi. Bazafashwa mu bibazo byo kubaho - survival - bagaburirwe, bavurwe, banayoborwe mu mico y'uburere bwa kinyarwanda, bigishwe bazanafashwe kwibeshaho kandi binjire mu buzima busanzwe (integration into society). Nyuma y'umubare w'abana bari mu miryango no mu bigo ko bafashwa amashyirahamwe y'abarezi azajya akurikirana niba ibyifuzo by'abana bidatereranywa n'ababishingiye.



5. GUSHINGA, GUKOMEZA, NO GUTERA INKUNGA AMASHYIRAHAMWE Y'ABAREZI

Kubera ko nta karere na kamwe k'u Rwanda kadafite imfubayi, kandi kubera ko twifuza ko abana bose barererwa mu miryango, kandi tutanirengagiza ko hamwe na hamwe abana cyangwa ababarera bananiranwa, hazashingwa amashyirahamwe y'abarezi kugira ngo:

- ibibazo by'abana n'ababarera bimenyekaniremo
- bisubizwe
- baterwe inkunga mu bumenyi n'ubushobozi bwo kurera
- bagenzurane kugirango abana batazarengana.

Ibi bizakenera inkunga nini yo gukurikirana aya mashyirahamwe mu gihugu cyose na Minisiteri zihurira muri ako kazi (co-ordination and follow up). Abakozi ba MINITRASO bo kuri Perefegitura bazajya bakorana n'inzego z'ubutegetsi, n'abahagarariye ayandi ma Minisiteri mu gukurikirana no gutera inkunga ayo mashyirahamwe. Dore uko yatera:

- ingo zakiriye abana zo muri Selire
- Responsable w'iyo Selire
- Abatera abana batagira kivurira inkunga
- Umu Sociale wa Komini ishyirahamwe ririmo
- Undi w'iryo shyirahamwe ryakwifuza.

6. GUKORANA NA ZA MINISITERI ZISHINZWE AKAZI GATANDUKANYE MU GUKEMURA IBIBAZO BY'ABANA BATAGIRA KIVURIRA

Kugirango akazi ko gufasha abana batagira kivurira kagende neza, bizaba ngombwa ko Minisiteri zose zizabihagurukira zikanakomeza gukurikirana no kwibutswa. Dore ibizakorwa:

1. Nyuma y'iperereza, Minisiteri zizamenyeshwa ibizizeba mu gufasha imfubayi kugira ngo bamenye uko badufasha - kandi n'igihe cyose bazakomeza kumenyeshwa ibyo babakeneyeho. Urugero:
  - a) Gukurikirana umutungo w'ababyeyi babo : MINIJUST
  - b) Gukurikirana kwiga kwabo: MINEPRISEC
  - c) Ubuvuzi n'imiti: MINISANTE
  - d) Kubinjiza mu mashyirahamwe: MIJEUMA
  - e) Guteza imbere ingo zibarera mu mico no mu mimerere: MINIFAPROFE
  - f) Gukurikirana abana barererwa mu mahanga: MINAFET
2. Ama Minisiteri ahurira mu kazi k'abana azakomeza guhuzwa kugira ngo imikoranyire irusheho kuba neza kandi twese tubyumve kimwe.
7. KWAKIRA ABANA BANANIRANYWE N'ABABARERA MU BIGO BISANZWE BY'IMFUBAYI.



### IBIGO BY'IMFUBYI

Ibi bigo ubu bigeze kuri 58. Nubwo tuzakomeza gukora ibishoboka byose kugabanya ibi bigo, ibisigara bizakomeza gucungirwa hafi kugirango abana babamo barusheho kumererwa neza.

Nubusanzwe mbere y'intambara hari hasanzweho ibigo by'imfubyi mu Rwanda. Ubu hari n'ibyavutse kubera intambara n'itsembatsemba byabaye. Abana bari muri ibyo bigo ntabwo bese ari imfubyi abandi nizo. Ibyo bigo nabyo ahenshi ibyari bisanzwe byashenywe n'intambara byaranasahuwe, ibyavutse mu bihe by'intambara nabyo biri mu mashuri, mu bigo by'amadini, mu mazu y'abantu mu ma hoteli, mu biro bya Leta n'ahandi, kandi banyiri amazu bakeneye kuyasubiramo.

### INGAMBA

1. Gukora anketa yaguye mu bigo byose kugirango ibi bikurikira bimenyekane;
  - a) Umubare w'abana babirimo, ababishinzwe, ababifasha muri iki gihe;
  - b) Imyambaro, ibikoresho, n'ibiribwa bikenewe;
  - c) Ibikenewe mu gusana no kubaka ibigo bishya;
  - d) Umubare w'abakozi bahari n'abakenewe;
  - e) Abana bashobora kuba bahuzwa n'ababo;
  - f) Ibikenewe mu kwiga no kuvurwa kw'abana bari mu bigo.
2. Gushakisha no gukusanya amafaranga n'inkunga yo gusana, kubaka, no kugura ibikoresho by'ibigo muri Leta, abagiraneza n'abanyarwanda.
3. Gusana ibyo bigo.
4. Kwandika amategeko agenga imyifatire, uburezi n'ubufasha mu bigo cyangwa se mu miryango ifataniye nabyo (byose tubifashijwemo n'impuguke).
5. Guhugura abarezi no gutera inkunga ibigo birera abo barezi, no kugira uruhare mu kugena inyigisho zihabwa abo barezi.
6. Gufasha ibigo kugira imishinga yo kwihagarikaho no kwinjira mu mashyirahamwe yaba asanzwe mu gihugu <sup>yo kwiteza</sup> ateza imbere, cyangwa se gutangira amashyirahamwe mashya azajya ateza imishinga y'imfubyi imbere akanafasha n'izikuze gutangira ubuzima busanzwe.
7. Guhumuriza abo bana no kugira uruhare mu kugena no gukurikirana inyigisho n'ibikorwa byo kubahumuriza (trauma healing).

.../...



8. Gukangurira abanyarwanda cyane cyane ababishoboye nk'abanyenganda, abacuruzi n'amashyirahamwe kwita by'umwihariko k'umfubyi bakabafasha, mu byifuzo by'ubuzima bakabazirikana kubashimisha mu minsi mikuru no mu bihe bikomeye (iki gitekerezo cyaganirwaho).
9. Guhuza no gukurikirana ibikorwa byo mu bigo, kwakira amaraporo buri gihe.

#### IBIMUGA

Ibimuga muri iki gihe byariyongereye mu mibare, no mu bibazo byerekeranye n'ubuzima bwabo. MINITRASO igomba gufasha ibimuga by'abanyarwanda rusange naho MINIREISO ikagira uruhare muri ubwo bufasha naho mu bimuga by'abasirikare MINITRASO ikagira uruhare naho MINIREISO yafashe iya mbere mu kubafasha .

Ibimuga bimwe biba mu mago abandi bakaba mu bigo bose bakeneye inkunga itandukanye, nk'ibikoresho, imfashanyo y'ibiribwa, ubuvuzi, kwiga, ingingo z'umubiri, inkunga yo kwiteza imbere no kwinjira mu buzima busanzwe.

#### IMIGAMBI

Kubarura abamugaye mu gihugu cyose kugirango bafashwe mu buzima busanzwe bashobore no kwifasha bafasha n'abandi mu bihe bizaza.

Gufasha ibimuga gucengerwa n'amatwara y'igihugu yerekeye gutsura imibereho myiza n'ubukungu.

#### INGAMBA

1. Ibarura ry'ibimuga rizadufasha kumenya umubare w'ibimuga muri buri Komini, ubwoke bw'ubumuga, ibibazo n'ibyifuzo ibimuga bihura nabyo ...
- Ibi bizafasha gushakisha umushinga uberanye n'ibyifuzo bizatugaragarira.
- Ibarura rizanafasha kumenya ibikenewe nk'ibice by'ingingo, ibikoresho ngorerangingo n'ibindi ...
2. Gufasha ibimuga gucengerwa n'amatwara rusange y'igihugu mu gutsura imibereho myiza yabo n'ubukungu rusange bizakenera ibikorwa bikurikira:
  - Gushakisha inkunga y'amafaranga mu gihugu, mu bagiraneza no mu bikorwa by'abamugaye ubwabo.
  - Gutera abamugaye inkunga mu byifuzo by'ubumuga bwabo.
  - Gushinga ibigo by'imyuga bijyanye n'ubushobozi bw'ibimuga no gutera inkunga ibihasanze.
  - Gushyigikira buri wese wifuza gutera inkunga abamugaye.
  - Gushyigikira gahunda z'igihugu ziteganyiriza kurinda ubumuga nko gukingira indwara zimugaza nka Polio, ubuhumyi n'ibindi... Ibi bizakenera gufatanya na za Minisiteri zibishinze.



- Gushinga no gutera inkunga amashuri y'abamugaye nk'impumyi, ibiragi, ibipfamatwi.
- Gutegura no guhuza ibikorwa by'ubufasha mu bamugaye ababafasha baba abagiraneza N.G.O, cyangwa abanyarwanda ubwabo.
- Gufasha abamugaye kutaburizwamo no kuvangurwa mu kubona akazi bahuriramo n'abazima.
- Gutera inkunga amakorero y'ibice by'ingingo z'umubiri

#### ABANA B'INZEREREZI

Nyuma y'intambara abana b'inzererezi bariyongereye mu mibare.

Hari abari inzererezi kuva na mbere hari n'abahindutse inzererezi kubera kubura kivurira. Mu gukemura ibibazo byabo bana MINITRASO izabifatanyamo na MIJEUMA n'imiryango y'abagira neza n'abanyarwanda ubwabo, kugirango abo bana babeho kandi basubire mu buzima busanzwe buberanye n'ikigero cy'imyaka bagezemo.

#### IMIGAMBI

1. Gukora iperereza ku bana b'inzererezi
2. Gushinga ibigo byakira inzererezi no gutera inkunga ibisanzwe n'abifuza gushinga ibigo bakoroherezwa inzitizi (hano twavugaga nko koroherezwa amahoro, kubonera ubutaka abagiraneza bazana ibintu byo gufasha abo bana cyangwa bashaka kubaka ibigo).
3. Kugorora inzererezi
4. Kwita ku burere bw'abana.

#### INGAMBA

1. Ibarura rizatuma tumenya imibare y'abo bana muri buri Segiteri, tumenye ibice bagwiriye, imyaka yabo, aho bakomoka n'icyaba cyarabashoye muri ubwo buzima kugirango biduhe uburyo bafashwamo.
2. Abo bana b'inzererezi gushyirwa mu bigo bibakira no gushinga ibigo bishya ibisanzwe bigaterwa inkunga mu bikurikira:
  - Kubona ibiryo byo kubagaburira
  - Bakitabwaho mu bidindiza ubuzima bwabo nk'ibiryamirwa, imiti, imyambaro etc...
  - Kubona inyigisho zisanzwe mu mashuri asanzwe abakuze bajye mu y'inyuga nk'ububaji n'ubukanishi etc ...
3. Kugorora no gutera inkunga abana b'inzererezi ku buryo bw'umwihariko bizafasha abandi guta umuco w'ubuzererezi. Abana bazagororoka bakarangiza amashuri bashyirwa mu mashyirahamwe bagaterwa inkunga mu gutangira ubuzima nko kubonerwa ibikoresho byo gutangira no kubafasha kubona akazi basohotse mu mashuri bigatanga urugero mu bana bafite ingeso y'ubuzererezi.



4. Kwita k'uburere bw'abana, ababyeyi nabo bagomba gukangurirwa kwita k'uburere bw'abana babo ntibaterere iyo ibiganiro by'uburere bwiza bw'abana bihitishwa kuri Radiyo.

- Guteganya ibihano ku babyeyi batita k'uburere bw'abana babo
- Guhitisha ibiganiro kuri Radiyo bikangurira abantu bose kudatera inkunga imico igendana n'ubuzererezi, nko kubaha no kubagurisha ibiyobyabwenge, ahubwo umuntu wese akagerageza kubiyegereza, abavugisha neza mu nzira yo kubayobora aho kubama-ganira kure.

#### ABAPFAKAZI

Nyuma y'intambara abapfakazi bariyongereye cyane n'ibibazo byabo biba uko.

MINITRASO akazi k'ubufasha izagafatanywa na za Minisiteri zindi nka MINIFAPROFE na MINIREISO.

#### IMIGAMBI

1. Kubarura n'iperereza
2. Kubafasha

#### INGAMBA

Ibarura n'iperereza ryaguye ryaba bantu rizafasha ibibazo n'ibyifuzo byabo bityo hashobore guteganywa uko bafashwa nuko imfashanyo yashakishwa.

Uretse ko mu iperereza haboneka ibindi bibazo, abapfakazi bakunze kugira ibibazo bikurikira:

- ibibazo by'amikoro make yabo n'abana babo nk'inzara, kubura inyambaro, ubuvuzi, amacumbi n'ibindi;
- ibibazo byihariye kubera igitsina nko gusuzugurwa no kubajujubya mu byabo n'iby'abagabo babo kubera amategako atemerera abagore kwegukana umunani wabo bashakanye;
- kuvangurwa mu kazi.

Icyitonderwa: Mu bashakanye harimo n'abagabo nabo bahura n'ibibazo by'uburezi nabo akenshi baburizwamo mu gufashwa nabo ibibazo byabo bikanewe kwigwa.

#### GUFASHA ABAPFAKAZI

a) Mu busanzwe abaturage bazafashwa mu gihugu hose ariko abapfakazi aho ari ngombwa bajya mu mashyirahamwe kugirango aho bishobotse bafashwe by'umwihariko mu kubona ibiryo n'ibikoresho by'ibanze:

- kwifatanya bagakora akazi k'ubukorikori kugirango bafashe imiryango yabo
- kubona inguzanyo
- gushyigikira amashyirahamwe yabo n'abagiraneza bose bagateganya imishinga yo kubitaho.



ABASAZA

Abasaza nabo abenshi basigaye iheruheru, abenshi bafite ibibazo by'amazu yashenywe, inzara, n'ibindi.

IMIGAMBI

1. Ibarura rya bo n'iperereza
2. Gufashwa.

INGAMBA

Iperereza rizatuma hamenyekana imibare yabo basaza, ibigo bisanzwe bibafasha n'imiryango n'abanyamadini babafasha.

GUFASHA

Gukangurira abaturage muri buri serire, guha umuganda abasaza mu gusana amazu yabo no gukemura ibibazo bashoboye byoroheje ariko bibangamiye abashaje.

Urugero: nk'urubyiruko rugafatanya rukabakorera isuku.

Aho bishobotse Minisiteri igatera inkunga abo basaza ibashakira ibikoresho by'ibanze n'ibiryo.

Minisiteri igatera inkunga ibigo by'abasaza n'abagiraneza bakitabira gufasha abasaza kimwe n'imiryango yabakiriye.

ABATINDI NYAKUJYA

IMIGAMBI

1. Kubarura n'iperereza
2. Kubashakira imfashanyo
3. Gushyigikira ababafasha.

INGAMBA

Iperereza rizatumenyesha imibare aho batuye, n'indi myirondoro yabo n'inkomoko yabo n'ababafasha muri iki gihe.

Kubashakira imfashanyo

Imfashanyo izashakishirizwa mu miryango y'abagiraneza abanyarwanda nabo bagakangurirwa kwita kuri abo batindi uko bashoboye kose; nk'ubutegetsi bukahazirikana mu bibazo byabo uko bashoboye igihe cyose.

Abashoboye gushyirwa hamwe bagashakirwa ibyo bakora kugirango nabo bifashe.

Abasesiyari bakagira uruhare runini cyane muri iri kangura ry'abategetsi nabo bakabafasha kuko akimuhana kaza imvura ihise.

Gushyigikira imishinga yose y'abagiraneza bafasha abatindi nyakuja.



Abakozi ba Minisiteri bagomba gukurikirana iyo mishinga bakayitera inkunga mu bumenyi aho bishobotse, n'inkunga y'amafaranga.

Abagiraneza nabo bakoroherewe amahoro mu gihe binjiza ibikoresho byo gufasha, n'inzege z'ubutegetsi zikabafasha mu byangombwa baba bakeneye mu bice bitandukanye nka komini na segiteri etc...

#### INDAYA N'ABAGORE BIBANA

Hari imishinga yatangiye n'abanyamadini ifasha aba bantu.

Minisiteri iteganya gufasha aba bantu cyane cyane inyura muri iyi mishinga yatangiye.

#### IMIGAMBI

1. Gukora iperereza
2. Gufasha aba bantu.

#### INGAMBA

1. Iperereza: rizatuma tumenya aho bari mu bice bitandukanye by'u Rwanda nuko ibibazo byabo biteye n'impamvu yashoye indayi muri uwo muco.
2. Kubafasha: Dufatanyije na MINIFAPROFE imiryango ibafasha izaterwa inkunga mu bikurikira.
  - Igenamigambi ry'ubufasha
  - Mu kubashakira ibiryo n'ibikoresho
  - Gushakisha no gutera inkunga imishinga ituma bibeshaho ku buryo bwiubashye aho kwigurisha no kugirango abagore bibana bashobore kurera kandi neza abana babo babone inyigisho z'uburere busanzwe n'amashuri.

#### ABATWA

Abatwa mu bihe byashize bakunze gufatwa nk'abatishoboye ugasanga bafashwa mu buryo bw'umwihariko bw'abatishoboye kimwe n'ibimuga, imfubyi n'ibindi.

Muri ibi bihe tugezemo ubibonye gukomeza guha umuntu imfashanyo ahubwo wamuha uburyo bwo kwifasha; akibeshaho, ndetse n'ikindi biboneka ko bwari uburyo bumwe mu migambi ya Gouvernement yo kuvangura, bikaba rero ngombwa ko iperereza ry'uko abo bantu bafashwa ryakorwa haboneka ibibazo bihariye bigashakirwa umuti naho aho babihuje n'abandi banyarwanda b'ayandi moko, bagafashirizwa hamwe.

Imigambi n'ingamba by'uko bafashwa bikazaturuka muri inforumasiyo zizaboneka.

#### AMAVURIRO N'IMINYURURU

Nyuma y'intambara ibikorwa bya Minisiteri mu mavuriro n'iminyururu byaragabanutse ugasanga hamwe na hamwe hasigaye abakozi ba Minisiteri abasasiyari kugirango akazi kongere kabyuke hazaba iperereza kugirango hamenyekane aho:

- bikiri ngombwa ko hashyirwaho abasociate
- ibibazo bishya byaba byaravutse ubu nuko byakemurwa.



## II. DIVISION PREVOYANCE SOCIALE

Iri shami rya affaires sociales ryibanda ku bibazo bireba imibereho y'abaturage rusange. Ako kazi rikagahuriraho na Minisiteri hafi ya zose mu buryo bwo kuzuzanya kuko bireba ibibazo byose bidindiza imibereho y'abaturage.

Imibereho y'abaturage nyuma y'intambara irarangwa n'ibibazo byinshi, umutungo muke, ibibazo by'amazu, umwiriyane, kwishishanya, ubuvuzi bucyeye, amashuri adafite ibikoresho, ibibazo mu guhinga, korora etc ...

### IMIGAMBI

1. Gukora iperereza ku mibereho y'abaturage muri iki gihe risuzuma indyo, amacumbi, ibikorwa biturutse mu buhinzi, ubwerozi, ubucuruzi, ubukorikori, umutekano, ubuvuzi, amashuri, n'ibindi bintu ngombwa mu buzima bw'abaturage. Amafishi y'iperereza azakoreshwa mu ma komini azatoranywa mu ma perefegitura anyuranye.
2. Gufasha abaturage gutegura imishinga, kwiteganyiriza ibibazo by'ubukene n'impanuka bakabwirizwa no kwinjira no gushinga amakoperative.
3. Gutegura no kugena gahunda yo gufasha abaturage batishoboye kugirango bazamure umutungo wabo. Ibi Minisiteri iteganya kubifatanyamo n'abaturage ubwabo n'abagiraneza. Abaturage bagomba gukangurirwa kwibwiriza gutera inkunga abatishoboye babona akazi, banitabira ibikorwa by'amajyambere mu bice baturukamo.
4. Gukurikiranira hafi imibereho y'abaturage no kubagira inama (social indicators).

### INGAMBA

1. Iperereza mu ma komini atandukanye mu bice by'u Rwanda
2. Gufatanya n'abaturage gusuzuma imishinga ishobotse iciriritse iberanye n'amikoro n'ibibazo by'abaturage, abakozi ba Minisiteri kuri Perefegitura na Superefegitura bazafatanye n'abaturage muri iki gikorwa, aho bizajya biba ngombwa Minisiteri izajye ibafasha inashakisha impuguke n'inkunga y'ibikoreshe n'amafaranga.
3. Ku rwego rwa Minisiteri hazakorwa semminor y'aba burugumesitiri kugirango basuzumire hamwe uburyo batsura imibereho y'abo bayobora nuko bakwiteganyiriza. Iyi seminar itumira ama Minisiteri yose duhurira ku kazi kugirango batange amabwiriza azafasha abategetsu b'igihugu gutsura imibereho yabo bayobora basobanukirwe uko bakoresha banafatanyije n'inzege za Leta gukemura ibibazo bahura nabyo.
4. Gusuzuma akazi k'ubufasha mu ma perefegitura yose n'ingaruka z'imfashanyo mu baturage tubifatanyijemo n'inzege z'ubutegetsu.

P.S.: Akazi k'iyi Division kazakenera ubufatanye cyane na Direction ya Education  
N.B. Populaire.



### III. DIVISION REFUGIES ASILAIRES

Iri shami rya Direction ryakira rikanafasha impunzi zituruka mu bihugu byo hanze. Kubera uruhare bamwe mu mpunzi bagize mu itsembatsemba ni ngombwa kuzigenera gahunda yitondewe kugirango batazongera kwivanga mu bibazo by'igihugu. Baranatanye bakaba bakeneye inkunga abandi (abarundi) bakeneye gusubira mu bihugu byabo.

#### IMIGAMBI

- Kwakira abagenda baboneka mu ma perefegitura bakabarurwa
- Kubafasha byihutirwa
- Gushinga ibigo no gusubizaho ubuyobozi bwabyo
- Kuzishakira imfashanyo mu miryango mpuzamahanga.
- Kwita ku bibazo byabo by'umutekano ibikorwa byabo n'imyifatire kugirango impande zose zubahirize amategeko mpuzamahanga bitabangamiranye
- Gufasha abashaka gutahuka ku bushake bwabo.

#### INGAMBA

- Gushyikirana na UNHCR kugirango badutere inkunga
- Kubarura no guperereza ibibazo by'impunzi
- Gusubiza izihari mu bigo byazo n'ubuyobozi bwazo bugasubiraho
- Gukemura ibibazo by'abakozi bariho mbere y'intambara nk'ibibazo by'imishahara
- Gufasha abashaka gutahuka ku bushake bwabo
- Gukorana na za Minisiteri n'inzego z'ubutegetsi, gukemura ibibazo by'umutungo wabo dore ko abenshi bari barawugize kandi bagashaka kugurisha. Aha bisaba ko mbere yo kugurisha bimenyekana ko nta manza n'amabanza babereyemo leta n'imiryango y'amashyirahamwe kandi bataranagize uruhare no mu bwicanyi
- Gukomeza gushyikirana n'imiryango ifasha impunzi kugirango ibikorwa by'ubufasha byuzuzanye.

### IV DIVISION FOR INTERVENTION FOR GENOCIDE WAR VICTIMS

Iri shami rya affaires sociales ryavutse kubera ibibazo by'umwihariko byavutse kubera itsembatsemba ryabaye mu Rwanda. Byaba ngombwa rero ko hashyirwaho mu buryo bw'umwihariko <sup>uburyo</sup> byo bibazo byakwitabwaho. Ikindi kandi abakozweho usanga barashavuye cyane baranataye urugero runini ku buryo bakeneye inkunga mu bikorwa no mu bitekerezo.



IMIGAMBI

1. Kugukemura ibibazo byabajahajwe n'intambara banyuze mu nzego zisanzwe kandi no mu buryo bw'umwihariko ibyavutse.
2. Gutera inkunga amashyirahamwe n'imiryango ifasha abazahajwe n'intambara.
3. Gukurikirana no gutera inkunga ibikorwa birwanya icyazongera gutera ibyo byago mu gihugu.

INGAMBA

1. Gukemura ibibazo byabazahajwe n'intambara.  
Ibi bizakenera ibikorwa bikurikira:
  - a) Kwakira ibibazo by'abajahajwe n'intambara
  - b) Gukemura ibibazo by'abajahajwe n'intambara Minisiteri inyuze mu nzego zisanzwe no mu buryo bw'umwihariko biturutse ku kibazo.
    - Kugena uburyo abarokotse bakwegukana iminani y'abari bababeshejeho nko gusaba ihindurwa ry'amategeko abibangamiye. Aho bikenewe gufasha abarokotse kurihira abababuranira mu bucamanza igihe bakurikirana ibyabo.
    - Gushinga ikigega cy'abajahajwe n'intambara no kugishakishiriza amafaranga.
    - Kugira uruhare mw'igena-migambi ry'ibikorwa by'ubutabazi n'imikorere yabyo, kubikurikiranira hafi.
2. Gutera inkunga amashyirahamwe, imiryango n'abantu ku giti cyabo bashaka gufasha abajahajwe n'intambara
  - Kubagabanyiriza amahoro binjiza imfashanyo mu gihugu
  - Kubatera inkunga mu bikorwa by'ubushakashatsi
  - Gutera inkunga abarera imfubyi
  - Guhuza ayo mashyirahamwe kugirango be gukora mu kajagari
  - Gufasha abahuje ibibazo gushinga amashyirahamwe kugirango bajye bakemuriramo ibibazo byabo
  - Gufasha abakuru b'amashyirahamwe kubona amahugurwa
  - Guhuza amashyirahamwe na za Minisiteri acyeneramo inkunga no kuyayobora
  - Gufashisha amashyirahamwe information yazakenera ku byerekeranye n'itsembatsemba.



3. Gukurikirana no gutera inkunga ibikorwa birwanya ibyazonzera gutera ibyo byago mu gihuqu

1. Gukora anketi mu buryo bwaguye kugirango;
  - a) abahitanwe n'itsembatsemba bamenyekane
  - b) abo ryasize iheruheru bamenyekane
  - c) ahakabiye itsembatsemba hashyirwe urwibutso.
  
2. Guteza imbere ibikorwa by'ubwiyunge
  
3. Guteza imbere ibikorwa by'ubucamanza abakoze nabi <sup>bamenyekane</sup> bahanwe.  
*by'intangarugero.*  
(Abahanwe bagomba kuba intangarugero bakamenyekana)
  
4. Guteza imbere abandika ibitabo bivuga kw'itsembatsemba n'ubwiyunge.
  
5. Gutegura ibiganiro by'ubwiyunge.



③ Akurukirana nogutera inkunga ibikorwa  
birwanya icyazongera gutera icyo byago  
mugihugu.

① Akora anketi muburyo biraguye kugirango;  
jababitanure ntsembatsembe bamenyekanwe  
b) abo ryasize herukerwa bamenyekanwe  
c) ahakabije ntsembatsembe hakajirwe urubatsi

~~② Kamanga abasize gufasha ababashirizwe~~  
gufasha  
1 gutera imbere ibikorwa byubwiyungeye  
2 - gutera imbere ibikorwa byubucamanza-  
arabwo nabi bahamwe ibikorwa byubucamanza-  
ababamwe byintangarwaho byubucamanza-  
4 gutera imbere abandika ibitabo  
biyaza ntsembatsembe mubwiyungeye  
⑤ Antegura ibiganiro byubwiyungeye